RADIO MARIA RWANDA IWACU

N° 009

FM 88,6 FM97,3 FM99,4FM99,8 Werurwe 2014

Ijwi rya gikirisitu riguherekeza aho uri hose

IWACU MURI RADIO MARIA RWANDA

Menya ibanga rya Mariyatoni

Dr *Bernardin Perezida wa R. Maria Rwanda aradusobanurira*

Ijambo *Mariathon* **(mu kinyarwanda twaryise** Mariyatoni**) rikomoka muri Radio Maria Colombie. Ni ijambo rihuza amagambo abiri, ariyo** Maria **na** Marathon. **Mu yandi magambo, Mariyatoni ni** « urugendo rwihuse hamwe na Bikira Mariya»**. Urwo rugendo rukorwa hifashishijwe isengesho n'ibiganiro, hagamijwe gukusanya inkunga Radio Maria ikeneye byihutirwa.**

Mariyatoni ni igikorwa kidasanzwe cy'abakunzi ba Radio Maria (abakozi, abakorerabushake, abaterankunga, abayitega amatwi), kibahuriza hamwe mu **biganiro bidasanzwe binyura ako kanya kuri radio (en direct)**, bikuzuzwa no **gukusanya inkunga** y'ako kanya kandi itubutse radio iba ikeneye kubera igikorwa iki n'iki. Hakurikijwe uburyo igikorwa cyateguwe, ibiganiro bya Mariyatoni bishobora kumara kuva ku minsi 3 kugera ku minsi 5, bitewe n'intera yifuzwa kugeraho. Nubwo icyo gikorwa cyatangiriye muri Radio Maria Colombie, ubu gikoreshwa muri Radio Maria aho ziri hose ku isi.

IJAMBO RY'IBANZE

Bavandimwe, basomyi b'akanyamakuru ka Radio Maria Rwanda,

Kuva tariki ya 09 kugeza ku ya 11Gicurasi 2014, tuzakora urugendo rw'iminsi itatu n'Umubyeyi Bikira Mariya, Mariyatoni. Nk'uko twafatanyije mu mpera z'umwaka wa 2013, tuzongera gukusanya inkunga yo gukomeza imirimo yo kubaka inzu ya Radio Maria Rwanda mu Mujyi wa Kigali. Niyo mpamvu muri aka kanyamakuru tugiye kuvuga birambuye kuri Mariyatoni, dusobanurire n'uwaba abyumvise bwa mbere. Muramenya gahunda iteganyijwe, uruhare rwawe, n'aho uzanyuza inkunga. Duharanire ko ibyo twatangiye dufatanyije n'Umubyeyi Bikira Mariya bitasubira inyuma.

Tubifurije amahoro y'Imana.

Mwamikazi wa Radio Maria, udusabire.

Tubibutse ko aho uzasanga Radio Maria hose ku isi, uzasanga idakora ibikorwa by'ubucuruzi kugira ngo ibone umwanya uhagije wo kurangiza inshingano zayo. «*Ahubwo mbere na mbere nimuharanire Ingoma ye naho ibyo byose muzabigerekerwaho» (Lk 12, 31).*

Radio Maria ntiyakira amafaranga aturuka mu bikorwa byo kwamamaza cyangwa mu bindi byatuma ita umurongo yafashe, nko kuba yahitisha ibiganiro bitari mu murongo wayo. Radio Maria ntigira ingengo y'imari igenerwa buri mwaka na Kiliziya cyangwa ngo ibe yaturuka ahandi hantu. Radio Maria ibeshwaho gusa no kwizera ubuntu bw'Imana bunyura mu bakunzi bayo, bityo imibereho yayo ikaba iri mu maboko y'abakunzi bayo, abayitega amatwi n'abakristu muri rusange, ndetse n'abandi bose bifuza kugira uruhare mu iyogezabutumwa.
Igikorwa cya Mariyatoni rero, ni kimwe mu bikorwa Radio Maria yifashisha kugira ngo ihe urubuga rusesuye abantu bose b'umutima mwiza, bakunda Imana, bafite ubushake bwo kugira uruhare mu iyogezabutumwa. Kuva ku itariki ya 9 kugera ku ya 11 Gicurasi 2014, icyo gikorwa cya Mariyatoni giteganyijwe kuri Radio Maria zose zo ku isi. Kuri Radio Maria Rwanda kizaba giteguwe ku ncuro ya kane, kigamije gukusanya inkunga yo kubaka icyicaro cya Radio Maria Rwanda mu Mujyi wa Kigali, imiriro ikaba izatwara 182.000.000 Frw.

Turizera ko, nimumara gusobanukirwa n'uko icyo gikorwa kizakorwa kuri Radio Maria Rwanda muri uku kwezi kwa Gicurasi 2014, muzakitabira muri benshi, bityo mukagira uruhare mu iyogezabumwa ritagira umupaka rikorwa na Radio Maria Rwanda, hagamijwe **"gufasha Yezu na Bikira Maria gukiza isi".**

Dr Bernardin Rutwaza
Umuyobozi w'Umuryango Radio Maria Rwanda

Hamwe n'umubyeyi Bikira Maria, twubake inzu ya Radio Maria

"*Narishimye cyane muri Nyagasani mbitewe n'uko ishyaka mumfitiye ryiyongereye..*"(Fil 4,10a). Aya magambo Pawulo Mutagatifu yandikiye Abanyafilipi nitwe abwirwa uyu munsi, twe dukataje mu guharanira ko inzu ya Radio Maria Rwanda mu mujyi wa Kigali yubakwa. Umubyeyi Bikira Mariya arayatubwira kubera ishyaka tugaragariza Radio ye kugira ngo Inkuru Nziza ya Kristu igere ku bayikeneye. Bavandimwe, twongeye kubararikira gusubukurira hamwe igikorwa twatangiye muri Mariyatoni y'umwaka

ushize. Ni kuva tariki ya 9-11 Gicurasi 2014. Mu rugendo rw'iminsi itatu, hamwe n'Umubyeyi Bikira Mariya, tuzakomereza aho twagejeje. Twagize uruhare rukomeye imirimo yo kubaka inzu ya Radio Maria Rwanda mu mujyi wa Kigali iratangira, duharanire ko itadindira. Muri urwo rugendo, tuzazirikane ko Imana ishima ituro ritanzwe uko umuntu yifite ariko ritanganywe umutima ukeye (Iyim 25, 2). Tuzirikane kandi ko ubu dusabwa imbaraga zidasanzwe kugira ngo imirimo yo kubaka itazahagarara. Turi kumwe n'Umubyeyi Bikira Mariya, ntakizatunanira. Imana ibahe umugisha.

Padiri Celse Niyitegeka umuyobozi wa gahunda za RMR

Uruhare rw'abakorerabushake muri Mariyatoni

Mu butumwa bwayo bwa buri munsi, uruhare rw'abakorerabushake kuri Radio Maria birazwi ko ntacyo rwagereranywa na cyo. Iyo bigeze mu gihe cya Mariyatoni ho bikaba akarusho kubera uburyo iki gikorwa gitegurwa. Mu bihe bisanzwe, abakorerabushake bagira igihe bafasha Radio Maria n'igihe baba bari mu bikorwa byabo bisanzwe. Mu gihe cya Mariyatoni buri mukorerabushake asabwa ubufatanye n'ubwitange bidasanzwe kuva ku bafasha radiyo ku cyicaro cyayo, kugera ku bayifasha kubona inkunga mu muryangoremezo.

Uruhare rw'abakorerabushake mbere ya Mariyatoni

Mariyatoni nk'igikorwa gihuza abakunzi bose ba Radio Maria Rwanda n'umubyeyi Bikira Mariya by'umwihariko,gisaba kukimenyekanisha mu buryo bunyuranye aho radiyo yumvikana mbere y'uko kiba, hakoreshejwe inyandiko zitangwa



umwe mu bakorerabushake akoresha ibyuma bya RMR

ahahurira abantu benshi nko muri za Kiriziya, amasoko, aho abagenzi bategera imodoka, ku mihanda mu bigo rusange,n'ahandi. Bagira uruhare kandi mu kugeza amakuru ya Mariyatoni kuri bagenzi babo, ku baturanyi babo no ku bandi bantu batoranyijwe na RMR bashobora kugira uruhare muri iki gikorwa. Ibi bikorwa byose, bikaba bidashobora kugerwaho bitagizwemo uruhare n'abakorerabushake.

Uruhare rw'abakorerabushake mu gihe cya Mariyatoni

Bidahagaritse gukomeza kugira uruhare mu kumenyekanisha Mariyatoni, mu gihe iri kuba abakorerabushake bafasha buri wese aho asanzwe afasha no muri gahunda zihariye zitegurwa kuri radiyo haba mu buryo bw'ibiganiro bitangwa, amasengesho no kwakira abatanga inkunga. Ku bakorerabushake bo hirya no hino mu maparuwasi,barangwa no kuba bugufi y'abakristu bifuza gutera inkunga muri Mariyatoni, ibi bakabikorera ahantu bateguye kandi mu mucyo.Icyo gihe, inkunga yose bakiriye, bihutira kuyimenyekanisha kuri

radio bisunze amabwiriza baba barahawe. Kuri ibi hakaniyongeraho gutanga amakuru y'imigendekere ya Mariyatoni iwabo, kenshi gashoboka ndetse no gukurikira gahunda za Radio Maria Rwanda, kugira ngo na bo bajyane n'abandi bakunzi ba RMR muri gahunda zo kuyisabira ziherekeza kuyiha inkunga.

Muri Mariyatoni 3 zimaze gukorwa kuri Radio Maria Rwanda , bikaba byaragaragaye ko aho radiyo ifite abakorerabushake bakora n'amatsinda y'inshuti, ari ho hanagaragaye n'abakristu bagaragaje ubwitange muri izi mariyatoni.Aba bose dukomeje kubashimira no kubashishikariza gukomeza kutuba bugufi mu butumwa bwa radiyo y'umubyeyi.

Nkurunziza Félicien

Inkunga zigenewe Radio Maria Rwanda zitangwa mu mucyo

Muri iki gihe abakunzi batandukanye ba Radio Maria Rwanda barimo bitegura kugira uruhare muri Mariyatoni iteganyijwe kuva tariki ya 09 kugera ku ya 11 z'ukwezi kwa gatanu 2014. Ubuyobozi bwa Radio Maria Rwanda bukomeje gukangurira abantu bose gucisha inkunga zabo mu nzira zizwi kandi zizewe. Hakaba hari uburyo bugera ku munani bwo kugeza inkunga kuri Radio Maria Rwanda.

Ubu buryo burimo gucisha inkunga kuri konti za Radio Maria Rwanda ziri mu mabanki akurikira. Hari Banki ya Kigali (BK) kuri konti 056-0293574-40 na 056-0635810-37 ku batanga amafaranga y'u Rwanda; na ho ku batanga ama Euro ni kuri 056-0293211-65. Aba bakaba bakoresha "swift code: BKIGRWRW". Muri ECOBANK hari konti 108-066460-01-59; muri Banki y'abaturage y'u Rwanda ni kuri konti 441-2057171-11. Hari kandi uburyo bwo gutanga inkunga umuntu akoresheje telefoni igendanwa bwitwa TIGO Kash (wohereza kuri 0727495295), MTN mobile money (kuri 0784870045) na Airtel money (kuri 0731912084).Ubundi buryo bushobora gukoreshwa ni ugushyira inkunga mu gasanduku ka Radio Maria Rwanda kari ahakwegereye muri paruwasi cyangwa ahandi hantu kaboneka. Abari mu matsinda y'inshuti za Radio Maria Rwanda bo bacisha inkunga mu boyobozi bw'amatsinda yabo. Hari kandi gucisha inkunga ku bakorerabushake ba Radio Maria Rwanda bafite amakarine bari hirya no hino mu bukarani bwa za paruwasi. Ahatari iyi karine ya Radio Maria Rwanda, inkunga igezwa kwa Padiri mukuru wa paruwasi. Ku rundi ruhande ariko, ababishoboye bageza inkunga zabo ku cyicaro cya Radio Maria Rwanda I Muhanga cyangwa ku biro byayo biri kuri Paruwasi Katedarali ya Mutagatifu Mikayile(St Michel) mu Mujyi wa Kigali.

Ubu buryo buvuzwe bufasha Radio Maria Rwanda gukurikirana neza uko abakunzi bayo bayitera inkunga. Utanze inkunga mu ntoki, uretse uyinyuza kuri Padri Mukuru, abandi bagomba kumuha icyemezo kiriho ikirango cya Radio Maria Rwanda.

Gahunda za Radio Maria Rwanda muri Mariyatoni

Nk'uko mubimenyereye mu gihe cya Mariyatoni gaunda za Radio Maria Rwanda zirahinduka tukibanda ku bikorwa byihariye. Dusenga turi hamwe n'abakunzi ba Radio Maria Rwanda ndetse abari hafi cyangwa abadusuye tubasaba ko dufatanya. Twakira abaduhamagara kuri telefoni batanga inkunga cyangwa basezeranya icyo bageneye Radio Maria Rwanda. Ibyo byose tubikora ijoro n'amanywa dusimburana. Tugira n'igihe cyo kubashimira no kubabwira aho inkunga igeze. Muri Mariyatoni dutegura, turabasaba mbere na mbere inkunga y'isengesho kandi tukazifatanya muri noveni izayibanziriza. By'umwihariko tubararikiye gukurikira ibiganiro tuzabategurira birushaho gusobanura igikorwa kigamijwe. Mukomeze kuba hafi ya radiyo yanyu nk'uko mubisanganywe.

Tera inkunga radio yawe,Radio Maria Rwanda

Ukoresheje

MTN mobile money: 07884870045

Tigo cash: 0727495295

KONTI

108-06646001-59 MURI ECOBANK
056-0293574-40 MURI BK
441-2057171-11 Muri Banki y'abaturage

Mariyatoni ya 4 mu mujyi wa KIGALI

Nshuti musomyi wacu dusangiye ibyiza duhabwa na Nyagazani, imyaka yatambutse twumvise ubugira gatatu ijambo Mariatoni. Iryo jambo si rishya kuri benshi kuko uruhare rwanyu muri iki gikorwa rwatugararije ko mukunda Umubyeyi Bikira Mariya bityo mugashyigikira ibikorwa bye muri Radio Maria Rwanda. Muri Mariatoni iheruka mu kuboza 2013, twakusanyije inkunga isaga 8000.000 y'u Rwanda ngo dutangire imirimo yo kubaka icyicaro cya Radio Maria Rwanda mu mujyi wa KIGALI. Inkunga yawe na njye yatumye imirimo yo kubaka itangira muri Werurwe 2014. Twongeye kubararikira gukomeza gushyigikira icyo gikorwa muri Mariyatoni yo ku ya 9 kugera 11 Gicurasi 201.Igihe ni iki rero kugira ngo dukomeze wa murimo mwiza twatangiye.

Nk'uko tusanzwe tubikora inkunga zacu mujyi wa KIGALI tuzazinyuza ku biro bya Radio Maria Rwanda biri kuri Paruwasi Katedarali Saint Michel no mu yandi maparuwasi y'umujyi wa Kigali haba hakorerwa uwo murimo.

Gicurasi : Radio Maria mu mujyi wa KIGALI

Ukwezi kwa gatanu mu mezi asanzwe agize umwaka, muri Kiliziya Gatolika ni ukwezi kwahariwe Umubyeyi Bikirara Mariya. Muri uyu mwaka wa 2014, Radio Maria nka radio y'Umubyeyi,ukwezi kwa Gicurasi yaguhariye gusura abana b'Umubyeyi batuye mu mujyi wa KIGALI. Iki gikorwa kigamije kurushaho kumenya ibyiza Radio Maria idufasha kugeraho mu bukristu bwacu. Bizaba umwanya mwiza wo kuroha urushundura muri KIGALI kugira ngo tumenyeshe abatuye uyu mujyi Ubutumwa twazaniwe n'umubyeyi Bikira Mariya. Muri iki gikorwa buri wese aratumiwe kuko njye nawe hari benshi tuzi bakeneye kumenya Radio Maria ngo ibigishe,ibahugure inabamenyeshe Ingoma y'Imana. Hazatangwa ubutumwa bwinshi ubwanditse n'ubuvugwa bizakorwa mu maparuwasi ndetse n'ahandi.

Ushaka nawe kuzifatanya natwe muri iki gikorwa wahamagara 0788509529,ukadufasha kuroba Roho za benshi.Dusoze tubabwira ko iki gikorwakizadufasha kwinjira neza muri Mariathoni ya 4, maze twubakire Radio y'Umubyeyi, Ingoro iyikwiriye.